




KWIZERA GUHANGANYE N'INZITIZI ZOSE

Icyigisho cya 5 cyo ku wa 4 Gicurasi 2024

“Nabikiye ijambo ryawe mu mutima
wanjye, Kugira ngo ntagucumuraho.”
(Zaburi ya 119:11)



Mu kinyejana cya 16, umurimo wari waratangijwe na Wikilife, “inyenyeri y’Ubugorozi”, imyaka 200 mbere yaho, watangiye kumurika cyane. Ukurabagirana k’Ubugorozi kwari kubonetse.

Ubu bugorozi bwari bushingiye ku ngingo-fatizo eshanu:

- ★ 1. *Sola Scriptura* (Ibyanditswe byonyine)
- ★ 2. *Sola gratia* (Ubuntu bwonyine)
- ★ 3. *Sola fide* (Kwizera konyine)
- ★ 4. *Solus Christus* (Kristo Wenyine)
- ★ 5. *Soli Deo gloria* (Icyubahiro ni icy’Imana Yonyine)



Urufatiro rw’ukwizera:

- 🟡 *Sola Scriptura / soli Deo gloria.*
- 🟢 *Bibiliya iboneka kuri buri wese.*
- 🟣 *Umusobanuzi wa Bibiliya.*



Urufatiro rw’Agakiza:

- 🟠 *Sola gratia / sola fide / solus Christus.*
- 🟤 *Gukurira mu buntu.*



URUFATIRO
RW'UKWIZERA

SOLA SCRIPTURA / SOLI DEO GLORIA

“Amagambo yawe amaze kuboneka ndayarya, maze ambera umunezero n’ibyishimo byo mu mutima wanjye, kuko nitiriwe izina ryawe Uwituka Mana Nyiringabo” (Yeremiya 15:16)

Abagorozi bo mu kinyejana cya 16 bahinduye isi rwose. Ariko basobanuye neza ko bo ubwabo ari abantu bsanzwe. Bari abantu bahinduwe n’Imana. Kubw’ibyo, batangazaga ngo: “Icyubahiro kube icy’Imana Yonyine”.

Iryo hinduka ryakozwe rite muri bo? Gusoma Ijambo ry’Imana ni byo byakoze igitangaza.

Ni iki Bibiliya yabakoreye, kandi ni iki ishobora kudukorera?

Ni urufatiro rw’ukwizera

Mu kwizera amasezerano yayo, dukomeza kwizera n’ubutwari

Amababi yayo ameze nk’imbuto z’igiti cy’ubugingo

Irabagirana ibyishimo, ibyiringiro n’umucyo

Iduha icyerekezo, gushikama, gukomera n’ubwenge

Gukuza impagarike yacu: umubiri, intekerezo, amarangamutima, n’ibya mwuka

Muri ibyo bihe by’umwijima, Bibiliya yūzuye imibereho yabo kugeza aho bahara amagara yabo kubwo gukomeze kuba indahemuka ku nyigisho zayo. None se uyu munsi, nabwo Bibiliya yūzuye imibereho yawe?



BIBILIYA IBONEKA KURI BURI WESE

“Ariko ijambo ry’Imana riragwira riramamara” (Ibyakozwe 12:24)




Tindale (yabayeho 1494–1536) yiyemeje gukosora amakosa yo muri Bibiliya ya Wikilife (yahinduwe ivanywe mu Kilatini), ayihindura avana mu ndimi z’umwimerere. Yasohoye Isezzerano Rishya ryahinduwe riva mu Rugiriki.

Milesi Koveridale yakomeje kandi yuzuzanya umurimo wa Tindale ahindura Isezzerano rya Kera arivana mu Ruheburayo. Ni yo mpamvu mu 1535 hasohotse Bibiliya ya mbere yuzuye yo mu Cyongereza.



Iyi ngeri yabaye ishingiro ry’ingeri ya Bibiliya ikoreshejwe cyane mu bavuga icyongereza: Ingeri y’Umwami Yakobo, yasohotse mu 1611. Umurimo wa Tindale, Koveridale, n’abahanga bateguye Ingeri y’Umwami Yakobo wagize ingaruka ku bantu babarirwa muri za miliyoni, bibazana kumenya Imana.




Igitangaje ni uko umuntu utarigeze yemera Ubugorizi ku mugaragararo yagize umumaro ukomeye muri ubwo buhinduzi bwose: Erasimusi wa Roteridamu, wasohoye icyo gihe Isezzerano Rishya mu Rugiriki (ryabaye ishingiro ry’ubuhinduzi bwose bwakozwe n’Abagorizi).




BIBILIYA IBONEKA KURI BURI WESE

Mu gihe ingeri za Bibiliya z'icyongereza zarimo zitegurirwa gusohorwa, abandi bagorozi nabo bahinduye Bibiliya mu ndimi zabo kavukire. Ni muri ubu buryo Bibiliya yashoboye gusomwa neza n'abatuye u Burayi ndetse no mu "Mugabane Mushya".



Maritini Luteri
Ikidage (1534)



Petero Roberi
Olivetani
Igifaransa (1535)



Bibiliya ya Beresiti
Ikinyapolonye (1563)



Kaziyodoro wa
Reyina
Icyesipanyoli (1569)




Bibiliya ya Kuralise
Ikinyaceke (1579)



Yonasi Beretikunasi
Ikinyalituwaniya (1579)



Yuri Dalimatini
Ikinyasiloveniya (1584)




Giyovani Diyodati
Igitaliyani (1607)



Jowawo Fereyira wa Alumeyida
Ikinyaporutigali (1691)

UMUSOBANUZI WA BIBILIYA

"Ariko mubanze kumenya yuko ari nta buhanuzi bwo mu byanditswe bubasha gusobanurwa uko umuntu wese yishakiye" (2 Petero 1:20)



Igihe Maritini Luteri yasomaga bwa mbere Bibiliya yo mu Kilatini, imibereho ye yarahindutse.

Ubwo yaramburaga impapuro zayo, yari azi ko imbaraga zisumba izindi zamurikiraga ubwenge bwe. Ubutumwa Bwiza bwagaragaje ko buriho kandi busohoza umurimo wabwo neza. Imigenzo y'umwijima yarayoyotse, maze ubuntu bwa Kristo buramamara. Ni izihe mbaraga zamurikiye ubwenge bwe?


Umwuka Wera, ari We Musobanuzi Wenyine wa Bibiliya wemewe, ni We wahishuye ukuri kuyirimo. Kandi uwo Mwuka Wera ni We twahawe kugira ngo natwe ayitwumvishe! (Yohana 14:26; 16:13).

Kuva ubwo, byagaragaye ko nta huriro rishobora kubaho hagati y'imigenzo yigishijwe n'itorero ryari ryemewe, n'ukuri gukubiye muri Bibiliya. Ibikubiye muri Bibiliya ni byo byonyine bigenga ukwizera n'imicombonera, kandi tubihishurirwa na Mwuka Wera.



“Kwigisha Ijambo ry’Imana ntacyo byari kutumarira hatabayeho gufashwa n’Umwuka Wera guhoraho. Ni We wenyine ushobora kwigisha ukuri kw’Ijambo ry’Imana mu buryo bukwiriye. Igihe Umwuka Wera acengeje ukuri mu mutima ni cyo gihe cyonyine gushobora gukangura intekerezo kandi kugahindura imibereho y’umuntu. Umuntu ashobora kubwiriza Ijambo ry’Imana, akamenya amategeko ndetse n’amasezerano abonekamo; ariko igihe adahishuriwe ukuri na Mwuka Wera, ntashobora na gato kwikubita ku Rutare ngo amenagurwe na rwo.”

E.G. White, *Uwifuzwa Ibihe Byose*, igice cya 73, p. 457



**URUFATIRO
RW'AGAKIZA**

SOLA GRATIA / SOLA FIDE / SOLUS CHRISTUS

“Mwakijijwe n’ubuntu ku bwo kwizera—ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y’Imana—” (Abefeso 2:8)

Ukuri fatizo k’uburyo butatu kugaragara mu Befeso 2:8.

- 1 Twakijijwe **n’ubuntu bwonyine**
- 2 Uburyo bwo kubona ubuntu ni **ku bwo kwizera konyine**
- 3 Iyi ni impano y’Imana, impano y’Umwana: **Kristo Wenyine**

Kubera ibyaha byacu, twaciriweho urwo gupfa burundu (Abaroma 6:23a). Ariko Imana yatanze inzira yo kwishyura umwenda wacu no kuduha ubugingo buhoraho (Abaroma 6:23b).

Nonese kuki dukeneye ko Imana itwishyurira umwenda? Kuko tudashobora kuwishyura mu buryo ubwo ari bwo bwose (Zaburi ya 49:8; Abefeso 2:9).

Igihe Maritini Luteri yamenyaga ko Kristo ari We sōko yonyine y’agakiza, yatangiye kwamamaza uko kuri. Ibihumbi n’ibihumbi, bari baraboshywe n’uburiganya bw’umwanzi, barabohowe kandi barahinduka.

Nubwo agakiza ari ubuntu, ikiguzi cyako ntikigira akagero, kandi kirahagije kuri bose (Yohana 3:16; Abaroma 8:32).



GUKURIRA MU BUNTU

"Ahubwo mukurire mu buntu bw'Imana no kumenya Yesu Kristo Umwami wacu n'Umukiza. Icyubahiro kibe icye none n'iteka ryose! Amen" (2 Petero 3:18)



Mu Gihe cy'Umwijima, abantu bacuze uburyo bwo kubona agakiza kabo (n'ak'abasekuruza babo) binyuze mu bitambo bya misa, ibimasa, kwibabaza, ingendo ntagatifu ...



Ibi byose byabuzaga abantu amahwemo. Ntibyigeze kuba bihagije. Kugeza ubwo bavumbuye ubuntu bwa Kristo. Kuva ubwo, bumvise bafite umudendezo rwose.

Ese uwo mudendezo wabajyanye mu gukerensa Amategeko, cyangwa kuyumvira?

Yohana Wesile (yabayeho 1703–1791), umwe mu bashinze itsinda ry'Abametodisiti, yakozwe ku mutima no gusoma Ubusobanuro bwa Luteri ku Rwandiko rw'Abaroma. Ukwizera kwe gushya kwamuteye gushaka gukurira mu buntu.

Kumenya ko yakijijwe n'ubuntu ntabwo byamuteye gukerensa Amategeko, ahubwo yayize neza yimbika, kugira ngo imibereho ye irusheho guhuza n'imibereho Kristo amushakira.



“Ihame rikuru abo bagorozi bagenderagaho—ari na ryo ryari ryarashyigikiwe n’Abawalidense, Yohani Husi, Wikilife, Luteri, Zwingili n’abandi bifatanyije na bo— ryari ububasha butibeshya bw’Ibyanditswe Byera, byo mugenga wo kwizera n’imikorere. Bahakanye uburenganzira bwa papa, inama z’idini, abapadiri ndetse n’umwami ubwe, ku byerekeye kugenga umutimanama mu bijyanye n’idini. Bibiliya ni yo yari umugenga wabo kandi ibyo yigisha ni byo basuzumishaga inyigisho zose n’ibivugwa byose. Kwizera Imana n’Ijambo ryayo byakomezaga abo bantu b’imbonera, igihe batangaga ubuzima bwabo bapfira ku nkingi z’umuriro. Ubwo ibirimi by’umuriro byari biri hafi gucecekesha amajwi yabo, bagatwikwa, Latimeri yabwiye bagenzi be barenganyirizwaga ukwizera kwabo ati: “Nimukomere, ku bw’ubuntu bw’Imana, uyu munsu turakongeza itara mu Bwongereza, kandi nk’uko mbyiringira, ntirizigera rizima.”—Works of Hugh Latimer 1:8”

E.G. White, *Intambara Ikomeye*, igice cya 14, p. 262